**Kigali, ku wa 20/11/2024**
**Ref : 391/NFPO/24**

**Nyakubahwa Muyobozi Mukuru**
**w'Umutwe wa Politiki PDI**
**KIGALI**

**Impamvu: Kugena uzitabira amahugurwa y'abashinzwe gushyira amakuru ku rubuga rwa interineti rw'Umutwe wa Politiki**

Nyakubahwa,

Mu rwego rwo gukomeza kubaka ubushobozi bw'Imitwe ya Politiki, Ihuriro ry'Igihugu Nyunguranabitekerezo ry'Imitwe ya Politiki, ryateguye amahugurwa agenewe abashinzwe gushyira amakuru ku Mbuga za interineti (Websites) z'Imitwe ya Politiki.

Muri aya mahugurwa Ihuriro rizaboneraho kugaragariza abashinzwe gushyira amakuru ku mbuga za interineti z'Imitwe ya Politiki, **umushinga w'impinduka mu miterere y'imbuga za interineti z'Imitwe ya politiki kugira ngo bawutangeho ibitekerezo.**

Tubandikiye tubasaba kutugezaho amazina y'umuntu umwe (1) wo mu Mutwe wa Politiki muyobora uzitabira ayo mahugurwa. Uwo muzagena asabwa kuzaza yitwaje ibikoresho by'ikoranabuhanga (laptop,...) bizamufasha gukurikira neza amahugurwa no gukora imyitozo ngiro.

**Byaba byiza hitabiriye uwakurikiye amahugurwa yabaye muri Kamena 2024, cyangwa umuntu uzakomeza gushyira amakuru ku rubuga rwa interineti rw'Umutwe wa Politiki.**

Aya mahugurwa azaba **kuwa kane tariki ya 28/11/2024**, guhera saa **9h00 -13h00**; akazabera ku cyicaro gishya cy'Ihuriro kiri ku Kacyiru.

Mugire amahoro.

IHURIRO RY'IGIHUGU NYUNGURANABITEKEREZO RY'IMITWE YA POLITIKI
N.F.P.O
B.P.: 7459 KIGALI

**GISAGARA Theoneste**
**Umunyamabanga Nshingwabikorwa**

**Bimenyeshejwe** :
- Umuvugizi w'Ihuriro